Rwanda Water Resources Board

## IBIGOMBA KUBAHIRIZWA MU BIKORWA BYO KWINURA UMUCANGA MU MIGEZI

Ibikorwa byo kwinura umucanga mu migezi byubahiriza ibi bikurikira:


1. Kwinura umucanga bigomba gukorerwa mu mugezi, kandi bigomba kutangiza inkombe zawo;
2. Usaba uruhushya rwo kwinura umucanga agomba kugaragaza inyigo mbazirizabikorwa igaragaza imiterere isanzweho y'aho asabira uruhushya igaragaza ibi bikurikira:
   a. Igishushanyo cy'ahasabirwa uruhushya n'ibipimo byaho;
   b. Ibipimo ndangahantu by'ahasabirwa uruhushya n' iby'ahazarundwa umucanga;
   c. Amafoto y'uko hateye mbere y'uko hacukurwa.
3. Ibikorwa byo kwinura umucanga ntibigomba kurenza metero imwe (1) y'ubujyakuzimu bw' mugezi uhereye ku ndiba ya wo;
4. Intera y'ahantu habiri hakurikiranye hinurwa umucanga mu mugezi (hatangirwa uruhushya) igomba kuba nibura metero magana atatu (300);
5. Ibikorwa byo kwinura umucanga mu mugezi ntibigomba kubera mu nkenegero zibujijwe n'amategeko abigenga;
6. Agace k'umugezi gafite inkombe zishobora kwangirika ntikemerewe kwinurwamo umucanga;
7. Agace k'umugezi gafite urusobe rw'ibinyabuzima rurinzwe cyagwa rushobora kubangamirwa ntikemerewe kwinurwamo umucanga;
8. Uwinura umucanga ahabwa uburenganzira bwa metero zitarenze ishanu z'inkengero zimufasha kujya no kuva mu mugezi aho yinura umucanga;
9. Ibikorwa byo kwinura umucanga bikorerwa mu ntera itari munsi y'ibirometero bibiri uvuye ahari ibikorwa by'ahafatirwa amazi ajyanwa mu nganda zitunganya amazi n'ikirometero kimwe ahafatirwa amazi ajyanwa mu nganda z'amashanyarazi;
10. Ibikorwa byo kwinura umucanga bikorerwa mu ntera itarenze metero mirongo itanu (50) kandi nyirabyo yubakira inkombe yinuriraho umucanga akoresheje amagabiyo akanashyiraho ibigaragaza imbibi z'ahatangiwe uruhushya hifashishijwe imbago mbere y'uko atangira ibikorwa bye.

11. Ibikorwa byo kwinura umucanga bikorerwa mu ntera itari munsi ya metero magana abiri (200) uvuye ahari umuhanda, iteme cyangwa ibindi bikorwa remezo. Icyakora, ibikorwa byo kwinura umucanga bishobora gukorerwa mu ntera iri munsi ya metero magana abiri iyo urwego rutanga uruhushya, rusanze ari ngombwa rumaze kugisha inama izindi nzego bireba.

12. Ushaka uruhushya rwo kwinura umucanga agaragaza gahunda y'uko azabungabunga inkengero z'umugezi z'aho ashaka gukorera ibikorwa n' ingamba zose zituma atabangamira imitembere y'amazi, ubwiza n'ubwinshi bwayo ndetse no kudateza imyuzure;

13. Abantu basanzwe bafite impushya zo kwinura umucanga ariko hagati yabo hakaba hatarimo intera ya metero magana atatu (300) iteganywa mu gace ka 4 izo mpushya zabo iyo zirangiye ntabwo zongererwa igihe;

14. Abantu bahawe impushya zokwinura umucanga mu mugezi bagomba gukora ibyo bikorwa bagendeye ku igishushanyo gikurikira:




**Bikorewe i Kigali ku wa ........../........../2025**

**Dr. Emmanuel Rukundo**

**Umuyobozi Mukuru**